NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA BASUBIRA KU MASHURI

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi ku wa 9 Nzeri 2022, hateganyijwe gusubukura amasomo y'igihembwe cya mbere ku banyeshuri bo mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyingiro yo kuva ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwego rwa gatanu (5). Ni muri urwo rwego Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kimenyesha ababyeyi n'abanyeshuri ko gahunda y'ingendo zo gusubira ku mashuri iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa kane tariki ya 22 Nzeri 2022, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Kamonyi na Nyanza **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Ngororero **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Musanze **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Rwamagana na Kayonza **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatanu tariki ya 23 Nzeri 2022, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyamagabe, Ruhango **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Burera, **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu, Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo na Nyagatare **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu tariki ya 24 NZERI 2022, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Huye, Muhanga, **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Rulindo na Gakenke **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Karongi, na Rutsiro **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku cyumweru tariki ya 25 NZERI 2022, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Nyaruguru na Gisagara **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi **mu Ntara y'Amajyaruguru**

- Nyamasheke na Rusizi **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma na Kirehe **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**ICYITONDERWA:**

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare (**bitarenze saa tatu za mugitondo**) kugira ngo bagere ku ishuri butarira; **Turabibutsa ko imodoka zigya muntara zihagarika kugenda ziturutse kuri stade ya Nyamirambo, saa cyenda (3.00pm).**
- Imodoka zitwara abanyeshuri zirasabwa kudatwara abanyeshuri bwije kugirango bagere ku mashuri hakiri kare;
- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza ku ishuri ndetse n'amafaranga azabagarura mu biruhuko bisoza igihembwe cya mbere;
- Ababyeyi barasabwa kwishyura amafaranga y'ishuri y'igihembwe cya mbere;
- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo kwakira abanyeshuri aho abagenzi bategera imodoka no gukurikirana uko bakirwa mu bigo by'amashuri;
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri ingendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri **Stade ya Kigali i Nyamirambo** zibajyana ku mashuri bigaho.

Bikorewe i Kigali, ku wa .13./.09../ 2022

**Dr. Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru